a

REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Gatsibo, kuwa 04/04/2017**
**No661../07.05.03/01/M**

GATSIBO DISTRICT COUNCIL
RECEPTION STAMP
20/4/2017
SIGNATURE

Eastern Province
For reception
Date 10 APR 2017
Signature


**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA GATSIBO**
**B.P. 36 NYAGATARE**
**Gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw**


**Madamu Umuvunyi Mukuru – Kigali**

OFFICE DE L'OMBUDSMAN
DATE DE RECEPTION: 20/4/17
SIGNATURE

**Impamvu**: Kubagezaho raporo ku bikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere

Madamu Muvunyi Mukuru,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho raporo ku bikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere

Ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga raporo ku buryo burambuye, abitabiriye inama nk'uko biteganywa n'Itegeko, igenamigambi ry'ibikorwa mu mwaka wa 2017 ndetse na CD iriho ibiganiro byakozwe kuri radio kuri ruswa n'akarengane.

Mugire amahoro.

AKARERE KA GATSIBO

**GASANA Richard**

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo

MINALOC
Pour réception
Date....20 APR 2017
Signature......

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu- **Kigali**
- Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba - **Rwamagana**
- Bwana Perezida w'Inama Njyanama mu Karere ka Gatsibo
- Bwana/Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo wungirije (**Bose**)

## RAPORO KU NAMA Y'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU KARERE KA GATSIBO

### 0.1. Intangiriro

Mu Karere ka Gatsibo ku wa 03/04/2017 mu cyumba cy'inama cya Video Conference habaye inama y'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane, ikaba yari iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo ari nawe Muyobozi wayo **Bwana Gasana Richard;**

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo ari nawe Muyobozi w'iyi nama mu Karere yatangiye aha ikaze abitabiriye inama

Ku murongo w'ibyigwa muri iyi nama hari:

- ✓ Kurebera hamwe ibikubiye mu Iteka rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane
- ✓ Kwemeza burundu gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2017
- ✓ Kurebera hamwe uko ruswa n'akarengane bihagaze mu Karere ka Gatsibo no gufata ingamba zo kubirwanya
- ✓ Ibindi........

### INGINGO YA 1: KUREBERA HAMWE IBIKUBIYE MU ITEKA RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Inama Ngishwanama yo kurwana ruswa n'akarengane yabanje kureba ubusobanuro bw'amagambo amwe n'amwe nk'uko biteganywa n'Iteka rya Perezida N° 64/01 ryo ku wa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane cyane cyane mu ngingo ya kabiri igika cyayo cya kabiri ku gisobanuro cy'akarengane; risobanura ko *ari ukuvutsa umuntu uwo ari we wese uburenganzira yemererwa n'amategeko.*
Ku rwego rw'Akarere hakaba hibanzwe cyane cyane ku ngingo zireba abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Akarere, inshingano zabo, imikorere yabo ndetse n'Ubunyamabanga bw'Inama Ngishwanama y'Akarere.

### INGINGO YA 2: KWEMEZA BURUNDU GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2017

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kw'abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere, hemejwe gahunda y'ibikorwa iyi nama izagenderaho mu mwaka wa 2017 nk'uko biraba biri ku mugereka w'iyi raporo.

## INGINGO YA 3: KUREBERA HAMWE UKO RUSWA N'AKARENGANE BIHAGAZE MU KARERE KA GATSIBO NO GUFATA INGAMBA ZO KUBIRWANYA

Muri rusange byagaragaye ko ruswa idakomoka gusa ku muntu utanga serivisi, ahubwo no ku muturage usaba guhabwa iyo serivisi, ibyo akaba ari na bo bituma idacika vuba. Zimwe mu ngero ni izi:

- Kwanga gucibwa ibihano ugatanga ruswa ngo ugirwe umwere;
- Kwanga gutanga ihazabu nini ugahitamo gutanga ruswa ya make;
- Gushaka gukorerwa ibyo udafitiye uburenganzira witwaje ikoreshagitinyiro, ikimenyane cyangwa icyenewabo;
- Gushaka "kumvisha
- N'ibindi....

Iyo mikorere mibi iterwa n'abantu batari inyangamugayo bashaka gukora ibinyuranyije n'ibyo amategeko ateganya. Mu Karere ka Gatsibo ruswa hagaragaye abantu bakurikiranyweho icyaha cya ruswa 12 mu mezi atatu aho mu kwezi kwa mbere hari abantu batatu **(3),** mu kwezi kwa kabiri ari umuntu umwe **(1)** n'aho mu kwezi kwa gatatu hakaba hari abantu umunani **(8).** Mu rwego rwo kubirinda ku rwego rw'igihugu, uhagarariye Police mu Karere yagaragaje ko hari zimwe mu ngamba zafashwe nko kugenera amashimwe atandukanye umuntu watanze amakuru ko bashaka ku muha ruswa bityo uyitanze agafatwa...,

Mu Karere ka Gatsibo hibanzwe mu gufata ingamba aho Umuyobozi w'Akarere yagiranye ikiganiro n'abaturage kuri radio Rwanda ishami rya Nyagatare asobanura ububi bwa ruswa ndetse no kurwanya akarengane aho kava hose, ibi bikaba byarakozwe abaturage babaza ibibazo kuri icyo kiganiro; gukurikirana abafashwe kuko amadosiye yabo yashyikirijwe inzego zibifitiye ububasha kugirango hubahirizwe icyo amategeko ateganya, gusenyera umugozi umwe mu kurwanya ruswa n'akarengane ndetse no kujya mu mirenge mu gukemura ibibazo by'abaturage mu rwego rwo kurwanya no guhashya akarengane kabonekamo.



Umuyobozi w'Akarere n'Inzego zitandukanye bagiye kureba niba uyu muturage yararenganyijwe koko



Abaturage baje kugeza ibibazo by'akarengane ku Muyobozi w'Akarere mu Murenge wa Kiramuruzi



**Umuyobozi w'Akarere n'inzego zitandukanye basanze abaturage iwabo gukemura ibibazo by'akarengane**



**Umuyobozi w'Akarere atanga impanuro ku kwirinda no kurwanya akarengane**

**INGINGO YA 3: IMYANZURO Y'INAMA**

Abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo nyuma yo kuganira ku ngingo zitandukanye hafashwe imyanzuro ko;

- ✓ Abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere bazakora ibishoboka mu kugera ku bikorwa bihaye
- ✓ Buri nama ikozwe igomba kubonekamo ibiganiro byiganjemo ubukangurambaga mu kurwanya ruswa n'akarengane
- ✓ Gukora progressive report ku kintu cyagaragayeho ruswa n'akarengane
- ✓ Gushyiraho urubuga (link of group e-mail) ndetse hashyizweho urubuga rwa Whatsaap kugirango hasangirwe amakuru umunsi ku munsi ku bagize Inama Ngishwanama mu kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere.
- ✓ hemejwe ko kandi hagiye gushyira ingufu mu gukurikirana itangwa rya serivisi zitangwa mu nzego za leta
- ✓ Gufata ndetse no gushyikiriza inzego zibifitiye ububasha umuntu wese ugaragayeho ruswa kugirango ahanwe
- ✓ Kumva no gukemura ibibazo by'abaturage mu rwego rwo guca akarengane mu Karere.

**Ibindi byaganiriweho mu nama**

Abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere bakomeje bareba ibikorwa byakozwe ndetse baganira n'ibyiciro byihariye aho bahereye ku bantu batwara abagenzi ku binyabiziga bya moto. Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo yatangiye abakangurira kurwanya ruswa n'akarengane kuko ari

imungu, bityo ikaba imunga igihugu kandi bikabagiraho n'ingaruka ikomeye nko gufungwa bityo ufunzwe agahomba amahirwe yo gutera imbere kandi igihugu kiyatanga, gushora umuryango mu bukene, kubaho nabi, n'ibindi...

Muri iyi nama hakaba hagarutsweho n'ibibi by'ibiyobyabwenge bishobora kuba intandaro y'ibyaha byinshi kuko nta bwenge umuntu aba agifite.
Abatanze ibiganiro bose bagarutse mu kwirinda ruswa no gutunga agatoki aho ibonetse ndetse no kurwanya akarengane ako ariko kose kugirango inzego zose zifatanye kubirwanya
Hashojwe hamenwa ibiyobyabwenge police yafashe ndetse baca n'akarengane ku bantu batswe moto zabo nyuma ku bufatanye n'inzego za police zikaba zarabonetse.



Umuyobozi w'Akarere aganira n'abatwara abagenzi kuri moto ku bubi bwa ruswa, akarengane no kurwanya ibiyobyabwenge



Inzego zitanduanye zari zaje mu gikorwa cyo kuganira n'abatwara ibinyabiziga (nyuma y'Inama Ngishwanama )



Umushinjacyaha ku rwego rwisumbuye aganira n'abatwara abagenzi kuri moto ku ngaruka za ruswa



Umuyobozi wa Police asobanura ububi bw'ibiyobyabwenge n'ihuriro ryabyo na ruswa n'akarengane



Inzego zitandukanye mu kumena ibiyobyabwenge police yari yarafashe (kubyangiza byakozwe ku bufatanye n'abamotari)




Mu kurwanya Akarengane, ubuyobozi bw'Akarere na Police bwasubije moto abaturage bari baribwe moto zabo nyuma ku bufatanye na police zigafatwa.

**Biteguwe na**

**NANKUNDA Jolly**
Umwanditsi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo

**Byemejwe na**

**GASANA Richard**
Umuyobozi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo

## IGENAMIGAMBI RY'IBIKORWA BY'INAMA NGINSHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU KARERE KA GATSIBO UMWAKA WA 2017 ( Mutarama – Ukuboza 2017)

| No | IGIKORWA | AHO KIZAKOREWA | ABAGISHINZWE | IGIHE IGIKORWA KIZAKORERWA | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Jan | Feb | Mar | Apl | May | Jn | Jly | Aug | spt | oct | Nov | Dec |
| 1 | Guhugura no kuganira n'abagize Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Umurenge n'Akagari | Mu Mirenge | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere | | | | | | | | | | | | |
| 2 | Kuganira n'ibyiciro byihanira aribyo<br>• abakozi b'Akarere<br>• Abatwara ibinyabiziga<br>• Abahagarariye inzego z'abikorera<br>• Abahagarariye inzego z'ibanze | Ku Karere, Mu Mirenge, Mu Tugari | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere n'Imirenge | | | | x | | | | | | | | |
| 3 | Gukoresha ibiganiro binyuze mu Inteko z'abaturage bishishikariza abaturage ku rwanya ruswa n'akarengane no gukemura bimwe mu bibazo by'akarengane bigaragara mu tugari | Mu Mirenge | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere n'imirenge | | | X | X | | | | | | | | |

| | | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **2** | Kwegeranya imibare y' amadosiye ya ruswa n'akarengane yabonetse mu karere no kuyakorera isesengura | Inkiko zikorera mu karere | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere | x | | | | | | | | | | | |
| **3** | Gushishikariza ubuyobozi bw'ibanze kumanika inyandiko ishushanyije kandi irwanya ruswa ikanamanikwa ku biro by'inzego z'ibanze | Ku karere, imirenge,utugari | Akarere, imirenge n'utugari | | | x | x | | | | | | | | |
| **4** | **<u>KU RWANYA RUSWA</u>**: Gukurikirana uburyo bwitangwa ry'ibyangombwa muri za Serivisi zibishinzwe :<br>a)**mu butaka**: ibyangombwa byo kubaka, guhinduza<br>b) **Serivisi y'irangamimerere mu mirenge,**<br>c) **Gahunda ya Girika n'ubudehe**<br>d)**imikorere y'abunzi** | Serivisi y'ubutaka ku karere n'imirenge | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere n'imirenge | x | x | x | | | | | | | | | |
| | e)**mu Inkiko** : mu bushinjacyaha<br>f)**m'ubugenzacyaha (polisi)**<br>g)**imitangire y'akazi mu bigo bya Leta** | Mu nkiko z'ibanze z'Akarere ka Gatsibo/Kiramuruzi/Ngaram | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego | X | X | X | X | | | | | | | | |

| | | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **n'ibishamikiyeho, amadini**<br>**h)serivisi y'imisoro**<br>**I) Imitangire y'amasoko ya Leta (Akarere,imirenge, NBAS)**<br>**J)Imitangire y'akazi muri za NBAS** | a, Procurement officer, serivisi y'imisoro mu karere, NBAS. | rw'Akarere n'imirenge | | | | | | | | | | | | |
| 5 | **Gukurikirana ko inama ngingwanama zo kurwanya ruswa n'akarengane mu mirenge ziterana kugihe** | Ku mirenge hagenzurwa raporo | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere | x | x | x | x | | | | | | | | |
| 6 | **<u>KU RWANYA AKARENGANE:</u>**<br>**Gukurikirana buri gihembwe ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage bifitanye isano n'akarengane: irangizwa ry'imanza ku gihe, ibibazo by'abaturage bidakemurirwa ku gihe,...** | **Ku karere imirenge, na NBAS** | Abagize Inama Nginshwanama ku rwego rw'Akarere N'imirenge | x | x | x | x | | | | | | | | |
| 7 | **GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INGAMBA ZO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE:**<br>**1.**binyuze mu nteko z'abaturage no muzindi | Mu mirenge | Abagize inama nginshwanama ku rwego rw'imirenge | x | x | x | x | | | | | | | | |

| | | | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | nama zitandukanye gukora ubukangurambaga bushishikariza abaturage gutanga amakuru bakoresheje Telefone z'abayobozi bizewe(umuyobozi w'Akarere:0788538295 umuyobozi wa Polisi:0788311179; telephone y'abaturage itishyurwa:3380 no kuzimanika ku nyubako za Leta: Ku karere, imirenge ,utugari, CS | | | | | | | | | | | | | | |
| | 2.Gushyira udusanduka tw'ibitekerezo ku karere ,imirenge n'utugari dufasha abaturage dutanga amakuru kuri ruswa n'akarengane n'imitangire mibi ya serivisi | | | | | | | | | | | | | | |

Biteguwe na:

**Nankunda Jolly**
Umwanditsi w'Inama Nginshwanama
yo kurwanya ruswa
n'akarengane mu Karere ka Gatsibo

**Byemejwe na:**

**GASANA Richard**
Umuyobozi w'Inama Ngishwanama
yo kurwanya ruswa
n'akarengane mu Karere ka GATSIBO

**URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA *Y'INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE* YO KU WA 03/04/2017 MU KARERE KA GATSIBO**

| N® | AMAZINA | ICYO ASHINZWE | E-MAIL | PHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | Gasana Richard | Mayor | mayor@gatsibo.gov.rw | 0788538295 | [signature] |
| 02 | Hodari Edgar | President IGI Nyagatare | edgarhodari@yahoo.com | 0788805441 | [signature] |
| 03 | Rwasanganwa Augustin | Chief prosecutor | augustin.rwasanganwa@nppa.gov.rw | 0788489813 | [signature] |
| 04 | Nankunda Jolly | DES | jolly.nankunda@gatsibo.gov.rw | 0788308976 | [signature] |
| 05 | SUPT ERIC ~~KABERA~~ | DPC | erickabera6@gmail.com | 0788311779 | [signature] |
| 06 | ALABA Robert | DISO (NISS) | dgatsibo@state.gov.rw | 0788461172 | [signature] |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |